REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2022

10 Nyakanga 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 13,7% mu kwezi kwa Kamena 2022 ugereranyije na Kamena 2021. Ibiciro muri Gicurasi 2022 byari byiyongereyeho 12,6%.

Muri Kamena 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 25,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 11,5% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 14,3%.

Iyo ugereranyije Kamena 2022 na Kamena 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 11,2%.

Iyo ugereranyije Kamena 2022 na Gicurasi 2022, ibiciro byiyongereyeho 0,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 3%.

### B. Ibiciro mu byaro

Muri Kamena 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 17,9% ugereranyije na Kamena 2021. Ibiciro muri Gicurasi 2022 byari byiyongereyeho 16,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kamena, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 26,6% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,3%.

Iyo ugereranyije Kamena 2022 na Gicurasi 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Kamena 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 16,1% ugereranyije na Kamena 2021. Muri Gicurasi 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 14,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kamena 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 26,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 9,2%.

Iyo ugereranyije Kamena 2022 na Gicurasi 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2021 kugeza muri Kamena 2022.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2021 kugeza muri Kamena 2022** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | ***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*** | | | | | | | | | | | | |
| | **2021** | | | | | | | **2022** | | | | | |
| | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | -0,2 | -0,4 | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 0,3 | -1,7 | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 0,1 | -1,1 | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,2 | -0,4 | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,0 | -0,3 | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw